

UMUYAGA



Umwanditsi: MUKANYANDWI Béatrice
Uwashushanyije: BYIRINGIRO BAHIZI Max



UMUYAGA



Umwanditsi:
MUKANYANDWI Béatrice



Uwashushanyije:
BYIRINGIRO BAHIZI Max

Espace Littéraire Soma Ltd

B.P. 1483 Kigali

Tel. : 0781268607

E-mail: Somaneza2015@gmail.com

© Uburenganzira bw'umuhanzi bugomba kubahirizwa. Kwandukura ibiri muri iki gitabo hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose bigomba uburenganzira bwanditse bwa nyira cyo.




Nitwa Ange. Navukanye ubumuga bwo kutabona.
Mbana na mama na musaza wange Higirowe.



Ejo twari mu nzu numva ngo: “Huhuuu!” Kubera ko mfite ubumuga bwo kutabona mbaza mama nti: “Ibyo ni ibiki?” Ati: “Ni umuyaga, kandi umuyaga ni umwuka unyeganyeza ibintu.”



Ndamubaza nti: “Umwuka se umaze iki?” Mama ati:
“Ufasha abantu, inyamaswa n’ibimera guhumeka.
Ikitagihumeka, kiba cyapfuye.”




Umuyaga numva urampuha ku matwi. Numva isaha ngo: “Tike take! Paaaa!” Nti: “Umuyaga uhanuye isaha.”



Umuyaga ugeze ku meza numva ibikombe
n’amasahani ngo: “Bububu!” Ubita hasi.



Higiro amfata akaboko ngo tuge gukina mu muyaga.




Urahuha, urahuha, tuwirukaho. Ugeze ku muharuro,
ugusha amababi y'ibiti ngo: "Wawaaa!"



Umuyaga uragenda, ugeze ku ihene irahabeba ngo: “Meeee!”




Umuyaga uragenda ugeze ku nka mu rwuri zabirira rimwe ngo: “Mbaaaa!”



Dukomeza kwiruka duhura n'abandi bana, turakina.
Turasimbuka, turizunguza, tubyina mu muyaga.



Hashize numva ngo: “Yeee! Yeee!” Mbaza Higiroti: “Umuyaga ugize ute?” Higiroti ati: “Umuyaga uzamuye amakanzu y’abakobwa.”



Umuyaga umanuka ku mugezi numva ibikeri
ngo: “Gogooo!”



Umuyaga urahuha usakuma ibitaka n’ibyatsi, ubizamura mu kirere. Numva umukecuru aravuga ati: “Nimuhunge uyu muyaga.”



Higiro ati: “Reka twitahire duhunge uyu umuyaga.”
Ubwo dutaha twishimye kuko twakinnye mu
muyaga.



Umuyaga

Iki ni kimwe mu bitabo byanditswe na “Espace Littéraire Soma Ltd”, bikubiyemo inkuru zifasha abana kwimenyereza gusoma neza Ikinyarwanda.

Iki gitabo kigenewe abana bari mu kiburamwaka.

Anje ni umwana w’umukobwa ubana n’ubumuga bwo kutabona, ariko ab’iwabo bakamufasha kutaba mu bwigunge.

Muri iyi nkuru, musaza we Higiye yamufashije gukina no kwidagadura mu muyaga, hamwe n’abandi bana.